**AMASHURI YISUMBUYE**

**IKICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE**

**UMWAKA WA KANE**

**IKIZAMINI K'IKINYARWANDA/70**

***a. Iki kizamini kigizwe n'ibice bikurikira:***
- *Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko*
- *Ikibonezamvugo*
- *Ubuvanganzo*
- *Ihangamwandiko*

***b. Subiza ibibazo byose wita ku itonde ryabyo, wirinda gusiba kandi wita ku myandikire inoze y'Ikinyarwanda.***

---

**Umwandiko**:

**1.** Ngo nkubwire agakuru nkuye iwacu
Usibe none usibe uw'ejo
Ngo ejobundi hazaza urungano.
Harimo abo tuzi neza twareranywe
Barimo benshi dukumbuye
Twibuka ibyiza dusangiye
Ntagisumba umuto
Mwareranywe mu ngobyi.

**Inyikirizo:** Ni umugambi twubaha
Ni umurage twimitse rungano jya mbere
Rungano sugira
Rungano nkwibuke nkwizihize, nkogeza
Nkuvuge nkuririmbe n'ejo.

**2.** Inzira z'urungano ni nyinshi cyane
Nk'amashuri, itorero urimo,
Aho ukorera ndetse n'intambara.
Aho hose ni iwabo w'urungano
Nta n'uwacikwa ngo ateshuke

Cyangwa yirenge abirahire
Y'uko azibera ukwe
Adataramana n'urungano.

**3.** Urungano mwumva narwo ruri ukwinshi:
N'abakambwe b'imvi nyinshi
B'utubando babamo urungano
Mu batoya bo indirimbo ni urungano
Mu bikwerere ni yo mbyino
Mu bihumuza ni yo mvugo
Ntaho utatira umutwe
Mwiza w'urungano.

**4.** Kungana n'undi burya ni igihango.
Uba intati, umena ibanga,
Uwanga abandi kiramusarika.
Ni ukuremerwa intango idacubangana.
Ntawe uyitunga igicagate,
Ntawe uyicaguramo inshuro,
Usanga isesuye,
Isendereye urugara.

**5.** Urungano rwiza ni nko kota ikome.
N'iyo ukonje uhinda umushyitsi,
Iyo urusanze uhita ususuruka.
Kandi umwe muri bo ni nk' umwase benyegeza.
Iyo urwinjiyemo umera nk'ishashi,
Ridacumbeka ngo ribe ikara, usanga wakirana,
No mwijima uri rumuri.

**A. <u>KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO</u>/10**

**I. <u>Ibibazo byo kumva umwandiko</u> /8**

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Wanditswe na nde?
2. Tahura umutwe w'uyu mwandiko.
3. Urungano ruri ukungahe ukurikije ibitekerezo by'umuhimbyi?

4. Guhemukira urungano umuhanzi abyita ngo iki? Arabishima cyangwa se arabigaya?
5. Uhemukiye urungano amererwa ate?
6. Urungano rwiza umuhimbyi arugereranya n'iki?
7. Ku murongo ubanziriza uwa nyuma baravuga uwakirana. Ni nde? Kuki yakirana?
8. Shyira aba bantu mu nzego z'ubusumbane mu myaka uhereye ku bafite myinshi: ibihumuza, urubyiruko, abakambwe,ibikwerere.

**II. <u>Sobanura amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko</u> /2**

1. Nkuririmbe n'ejo
2. Kiramusarika
3. Isendereye urugara
4. Intati

**B. <u>IKIBONEZAMVUGO</u>/45**

**I. <u>Vuga ubwoko bw'amagambo y'umukara tsiri, unagaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi</u>. /15**

1. Hari ahanditswe ko abanyabyaha bazajya mu muriro **utazima**
2. Ubwo twageraga i Kigali twahabonye inzu **<u>ndende</u>**
3. Ni byiza kwitabira ibiganiro **<u>mbonezamubano.</u>**
4. Ubukwe bwe bwarimo **<u>inzoga</u>** nyinshi.
5. Iyo ngoma yamubereye **<u>mpire.</u>**
6. Mu gace k'**<u>icyaro</u>** ni ho hahendutse.
7. Ingoferoyambaye ni **<u>icyatsi</u>**.
8. Ababyeyi be bari bafite **inzabya.**
9. Koga amazi **ashyushye** bituma uruhu rurambuka.
10. Amarushanwa **mpuzamahanga** aritabirwa cyane.

**II. <u>Kosora izi nteruro aho biri ngombwa</u> /5**

1. Ubu turi mu cyerekezo cy'iterambere.
2. Ahuvuye nihoho.
3. Sinjye uzuwariwe.
4. Umujyi wa washington.
5. Wawundi avuye ahongaho.

**III. <u>Shyira amasaku n'ubutinde kuri aya magambo</u> /5**

1. Umugore n'umugabo barafatanya.
2. Save ituwe nka Kibungo.
3. Butare na Gitarama
4. Agenda nka Kamana.
5. Umwana w'Imana.

**IV. <u>Tandukanya aya magambo ushyiraho amasaku n'ubutinde.</u> /5**

1. Uburiza (urubyaro rwa mbere)#……………(akarere ka Rulindo)
2. Gusaza (gukura mu myaka) #……………..(gutesha umutwe)

3. Kwiyumvira (n'amatwi yawe) #................(kwibaza)
4. Kumirwa (gutangara) #................(guca mu muhogo)
5. Imyenda (yo kwambara) #..............(amadeni)

**V. Ikomorazina(ikorazina) /5**

1. Kora amazina abiri y'inyunge aranga amasano
2. Kora amazina abiri wifashishije utubimbura dutandukanye
3. Kora amazina abiri wifashishije imisuma itadukanye
4. Kora amazina abiri wifashishije igicumbi kisubiramo
5. Kora amazina abiri ushingiye ku ipfobya.

**VI. Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'izi mbundo /10**

1. Si byiza **kurya** utakoze.
2. **Gupfush**a imbyeyi yerera ni igihombo gikabije.
3. **Kurenza** umuntu ingohe ni inshoberamahanga.
4. **Kutajyana** n'abandi mu iterambere k'umunyeshuri ; ni ukwanga kwiga.
5. Guceceka no **gucisha** make si ubucucu ahubwo ni ugucengerwa n'ibyo uzi.
6. Guta umuco ntibikwiye **kwitiranywa** no kugendana n'igihe.
7. **Kurerera** igihugu ni uguha uburere bwiza abawe ndetse n'imfubyi
8. Ikizamini cyose kigomba **gukorwa** vuba kandi neza.
9. Iyo ukorana umurava n'ubushake, ubona byose biri **gukoreka.**
10. Sinakugira inama yo **kubitsa** mu kabari kubera ko bihombya.

**C. UBUVANGANZO/5**

**I. Uzuza imigani ikurikira:**

1. Aho imfura zisezeraniye ........................................
2. Inkware y'inyabugingo .........................................
3. Utaganiriye na se ........................................
4. Agasaza kamwera akandi ...................................
5. Ntayima nyina............................................
6. Isuri isambira byinshi ...................................
7. Amagambo atagira mukuru .......................................
8. Intarabona y'akamasa .........................................
9. Agasozi kamanutse inka ....................................
10. Hanyurwa umutima ........................................

**D. IHANGAMWANDIKO/10**

Hanga umuvugo w'imikarago 20 uvuga ku ngaruka mbi z'ibiyobyabwenge.

---